URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYARUGENGE RURI KU CYICARO CYARWO I NYARUGENGE, RUBURANISHA IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO KU RWEGO RWA MBERE, RUCIYE URUBANZA RC 00192/2017/TGI/NYGE MU BURYO BUKURIKIRA NONE KUWA 30/11/2017.

HABURANA

UREGA :

NTAKIRUTIMANA Jacqueline mwene RUKAZANDEKWE Emmanuel na MUKABONGEREZA Mary utuye mu mudugudu wa Rebero, akagari ka Nyagasozi, umurenge wa Zaza, akagari ka Ngoma, intara y'Iburasirazuba.

ABAREGWA:

1. GAKUBA Emmanuel mwene SHIRINGI na MUKAMUHAMA utuye mu mudugudu wa Rwinyana, akagari ka Rwimbogo, umurenge wa Nyarugunga, akarere ka Kicukiro, umujyi wa Kigali.

2. MUKAMFURUTA Stéphanie …… utuye mu mudugudu wa Rwinyana, akagari ka Rwimbogo, umurenge wa Nyarugunga, akarere ka Kicukiro, umujyi wa Kigali.

ABAGOBOKESHEJWE MU RUBANZA.

1. MUKANZIGA Marthe mwene SHIRINGI François na MUKAMUHAMA Marthe, utuye mu mudugudu wa Nyabikenke II, akagari ka Kabura, umurenge wa Kabarondo, akarere ka Kayonza, intara y'Iburasirazuba;

2. MUJAWAMARIYA Janvière mwene SHIRINGI François na MUKAMUHAMA Marthe, utuye mu mudugudu wa Taba, akagari ka Nyanza, umurenge wa Gatenga, akarere ka Kicukiro, umujyi wa Kigali;

3. MOUCAT Bona mwene MUGABO Jean Bosco na MUKASHARANGABO Emmerance, utuye muri France, Haut-Lhin Cormal, Tél.: +33631005082, Passeport n° 15AC31069.

4. KANDUTIYE Claudette mwene SHIRINGI François na MUKAMUHAMA Marthe, utuye i Kampala-Uganda Tél.: +256782859179.

5. Moucat Marie Claire mwene SHIRINGI François na MUKAMUHAMA Marthe, utuye muri France, Bas-Lhin-Strasbourg Tél : +33771611785, Passeport n° 12AC546196.

IKIBURANWA: Gusaba urukiko gutegeka abaregwa guha uburenganzira NTAKIRUTIMANA Jacqueline ku mutungo akomora ku izungura.

URUKIKO

I. **IMITERERE Y'URUBANZA**

[1] NTAKIRUTIMANA Jacqueline yareze GAKUBA Emmanuel na MUKAMFURUTA Stéphanie asaba guhabwa uburenganzira ku mutungo akomora ku izungura. NTAKIRUTIMANA Jacqueline asobanura ko umubyeyi we Nyakwigendera MUKABONGEREZA Mary yari umwana wa SHIRINGI François na MUKAMUHAMA Marthe, akaba avukana na Gakuba Emmanuel, Kankundiye Claudette, Moucat Marie Claire na Mugabo Jean Bosco, uhagarariwe na Moucat Bona, ko Shiringi François na Mukamahama Marthe bitabye Imana bagasiga umutungo uherereye mu Mudugu wa Bwinyana, akagari ka Rwimbogo, umurenge wa Nyarugunga, akarere ka Kicukiro, ko Gakuba Emmanuel na Mukamfuruta bibaruje ho amazu agize uwo mutungo nkuko n'ibyemezo byawo, akaba asaba uburenganzira bwe kuri uwo mutungo.

[2] Gakuba Emmanuel yiregura avuga ko umutungo wasizwe na ba nyakwigendera Shiringi François na Mukamuhama Marthe, ugizwe n'amazu arindwi(7) aherereye mu mudugudu wa Rwinyana, akagari ka Rwimbogo, umurenge wa Nyarugunga, akarere ka Kicukiro, umujyi wa Kigali. Gakuba akomeza asobanura ko abagize umuryango wose ari: MUKANZIGA Marthe, MUJAWAMARIYA Janvière, MOUCAT Bona na KANDUTYE Claudette, akaba yemera ko umutungo wasizwe n'ababyeyi be wagaragazwa wose bakabasha kuwusaranganya nk'uko amategeko abiteganya buri wese akawugiraho uruhare.

[3] MUKAMFURUTA Stéphanie avuga ko Ntakirutimana Jacqueline avuga ko nyina ari Mukabongereza Marthe wabyawe na Shiringi François, ko abavandimwe ba nyina ari Gakuba Emmanuel, Kankundiye Claudette, Moucat Marie Claire na Mugabo Jean Bosco ariko atavuga Mukanziga Marthe, Mujawamariya Janvière na Moucat Marie Claire, ko Ntakirutimana Jacqueline avuga ko Shiringi François na Mukamuhama Marthe bitabye Imana bagasiga umutungo mu mudugudu wa Rwinyana, akagari ka Rwimbogo, umurenge wa Nyarugunga, akarere ka Kicukiro, umujyi wa Kigali, asaba kuwugiraho uburenganzira nyamara abo ashaka kuzungura batarigeze batura aho avuga ko hari umutungo wabo. MUKAMFURUTA Stéphanie akomeza asobanura ko nk'uko amasezerano y'ubugure abigaragaza, umutungo ufite UPI: 1/03/10/03/1218 uvugwa waguzwe na Gakuba Emmanuel; ukaba umubaruweho hamwe na Gakuba buri wese awufiteho uburenganzira bwa 50%; akaba asanga Ntakirutimana nta nyungu afite kuri uwo mutungo, ahubwo akaba asanga ari Gakuba ushaka ko awamburwa kubera amakimbirane bafitanye mu muryango wabo.

[4] Abagobokeshejwe bavuga ko umutungo uburanwa ari uw'umuryango wa Shiringi, bagasaba ko urukiko rutegeka ko ugurishwa bakagabana amafaranga avuyemo.

[5] Muri uru rubanza harasuzumwa niba abazungura ba SHIRINGI François na MUKAMUHAMA Marthe bafite uburenganzira ku mutungo uri mu kibanza UPI: 1/03/10/03/1218 urimo amazu arindwi, uherereye mu mudugudu wa Rwinyana, akagari ka Rwimbogo, umurenge wa Nyarugunga, akarere ka Kicukiro, umujyi wa Kigali n'ingaruka zabyo, hanyuma hasuzumwe ikibazo cy'indishyi, igihembo cy'avoka n'ikurikiranarubanza.

II. **ISESENGURA RY'IBIBAZO BIRI MU RUBANZA**

1. ***Ku kibazo cyo kumenya niba abazungura ba SHIRINGI François na MUKAMUHAMA Marthe bafite uburenganzira ku mutungo uri mu kibanza UPI: 1/03/10/03/1218 urimo amazu arindwi, uherereye mu mu mudugudu wa Rwinyana, akagari ka Rwimbogo, umurenge wa Nyarugunga, akarere ka Kicukiro, umujyi wa Kigali n'ingaruka zabyo.***

[6] Uhagarariye NTAKIRUTIMANA avuga ko uwo ahagarariye yareze Gakuba na Mukamfuruta aregera izungura, ko uwo mutungo wari uwa Sekuru witabye Imana muri 1984, usigarana abanyamuryango ucungwa na Gakuba, ko mu gihe cyo kwimura abantu mu nyungu rusange, amafaranga yahawe Gakuba nk'uhagarariye umuryango, akomeza asobanura ko umuryango wateranye ukabwira Gakuba ko ashaka indi nzu, Gakuba ajya gushaka undi mutungo ariko mu masezerano baguriyeho ntiyagura nk'ugurira umuryango. Uhagarariye NTAKIRUTIMANA akomeza avuga ko NTAKIRUTIMANA afite ububasha bwo kuzungura kuko ari mwene Mukabongereza wari mwene SHIRINGI akaba ashaka kuzungura mama we witabye Imana.

[7] Ntakirutimana avuga ko umutungo waguzwe Nyarugunga , aho kwandika ko haguze umuryango wa Shiringi handitswe ko haguze Gakuba kandi ko umuryango wateranye bakagena uburyo uwo mutungo waba ucungwa, ko ikindi kigaragaza ko uwo mutungo ukomoka ku mafaranga yavuye mu Kiyovu ari uko habaye inama y'umuryango, hagakorwa inyandiko Gakuba n'umugore we Mukamfuruta bagabisinyaho kandi bombi bemera ko habayeho kwibeshya mu kwandikisha umutungo.

[8] Me Nyankiko Alphonse avuga ko NTAKIRUTIMANA ashaka kuzungura umutungo wa Shiringi ariko uburenganzira bwo kuzungura yaba abufite niba hari umutungo wa Shiringi uhari ko rero kubera ko Shiringi adafite umutungo ubwo ntabwo afite. Me NYANKIKO akomeza avuga ko Gakuba Emmanuel na Mukamfuruta bashakanye, babyarana n'abana ko ibyo bavuga ko umutungo wari mu Kiyovu wakorewe expropriation harimo

umutungo wa Shiringi atari byo kuko ari uwa Gakuba, ko kandi Gakuba ajya kugura umutungo na Janviere yasinyeho bavuga ko ari Gakuba uguze, ko rero, uwo mutungo wabaruwe kuri Gakuba na Mukamfuruta ubu Gakuba akaba ashaka kubyikubira kubera amakimbirane afitanye n'umugore.

[9] Gakuba avuga ko uwo mutungo ari we wawusigaranye, ko habayeho kwibeshya, akawiyandikishaho, wasubizwa mu maboko y'umuryango. Gakuba anavuga ko kugirango agaragaze ko atashakaga kurya umuryango agaragaza cheque yahawe yanditseho we na mushiki we, ko ibyo avuga byakwemezwa n'abatuye mu Kiyovu. Gakuba akomeza avuga ko Nyarugunga hari imiryango irindwi, umuryango umwe wahawe uwashyinguye mukecuru, umwana wa Mukandutiye akaba ariwe ufata ayo mafaranga, ko Mukamfuruta yashatse kwikubira uwo mutungo, bakora inama y'umuryango yo kuwa 20/11/2008, asaba ko ibintu byasubira mu maboko y'umuryango, n'aho inama yo muri 2016 yo yari iyo gukosoza ibyo mu kigo cy'ubutaka.

[10] Abagobotse bavuga ko amafaranga yakiriwe n'umuryango ndetse no kugura umutungo bari kumwe hakaba hari inyandiko zose zigaragaza ko icyo kibazo bagikurikiranaga ndetse na Mukamfuruta akaba yarasinyeho, uretse ko nyuma babonye umutungo wanditswe kuri Gakuba n'umugore ntibabyumvikaneho, asaba ko bagaragaza aho bakuye ayo mafaranga.

[11] Urukiko rusanga ku masezerano y'ubugure bw'umutungo urega n'abagobokeshejwe hamwe na Gakuba Emannuel bavuga ko ari uw'umuryango wa Shiringi handitse ko ugura ari Gakuba Emmanuel, mu basinyeho nk'abagabo harimo na Mujawamariya Janviere uri mu bagobokeshejwe na Mukamfuruta Stéphanie.

[12] Urukiko rusanga Gakuba Emmanuel yiregura avuga ko ajya kugura uwo mutungo w'umuryango yakoze ikosa ryo kuvuga ko ari we uguze, nyamara amafaranga yawuguze akomoka ku mutungo wa Shiringi wari mu Kiyovu, bikagaragazwa n'uko hari sheki yabikurijeho ayo mafaranga yanditseho we na mushiki we na historique ya compte y'umuryango, kandi ko n'ubwo yawuguze awiyitirira, ikigaragaza ko uwo mutungo ari uw'umuryango harimo umuryango wahaweho inkuracyobo uwashyinguye nyina. Imbere y'urukiko Gakuba Emmanuel akavuga ka bari baragabanye uwo mutungo buri wese amenya ahe ariko bigeze aho Mukamfuruta aba ari we ujya ufata amafaranga y'ubukode.

[13] Urukiko rusanga Mukamfuruta avuga ko umutungo uburanwa atari uw'umuryango wa Shiringi kubera ko Gakuba awugura hari Mujawamariya Janviere, iyo asanga Gakuba ari kugura mu izina rye kandi yagombye kuba ahagarariye umuryango aba yaranze kubisinya, kandi ko bawibarujeho

bombi nk'abashyingiranywe, asanga ubu GAKUBA ashaka kwemeza ko umutungo ari uw'umuryango kugira ngo awikubire kubera amakimbirane bafite mu muryango wabo agaragaza ko banaburanye mu bunzi.

[14] Urukiko rusanga ibyo abagize umuryango wa SHIRINGI na MUKAMUHAMA bemeranywa ko umutungo uri mu kibanza UPI: 1/03/10/03/1218 urimo amazu arindwi, uherereye mu mudugudu wa Rwinyana, akagari ka Rwimbogo, umurenge wa Nyarugunga, akarere ka Kicukiro, umujyi wa Kigali waguzwe na Gakuba Emmanuel, avuga ko yawuguze mu mafaranga y'umuryango wa SHIRINGI kubera ko wari wimuwe mu Kiyovu nta shingiro bifite kuko n'ubwo bagaragaza ko amafaranga angana na 7.300.000frw yaguze uwo mutungo yakuwe kuri konti Gakuba afatanije na Mujawamariya Janviere, kandi ko yakomotse ku mutungo wa Shiringi wari mu Kiyovu, kuko ari amafaranga ya Expropriation yashyizwe kuri iyo konti, kandi bavuga ko uwo mutungo umaze kugurwa ku wa 20/11/2008 umuryango wateranye ukawugabanya, ariko Mukamfuruta nk'umugore wa Gakuba ahakana ibivugwa na Gakuba n'abavandimwe be, kandi ahakana ko tazi iyo nyandiko kandi atayisinyeho, ntibagaragaze ko isinya iriho ari ye koko bagaragaza ko azi kwandika hashingiwe ku ngingo ya 3 y'itegeko N°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, byongeye kandi na GAKUBA uvuga ko yakoze amakosa agura umutungo w'umuryango mu izina rye mu 2008, nyamara na Mujawamariya Janviere yarasinye kuri ayo masezerano y'ubugure, anasinya ku cyemezo cy'ubugure cyo ku wa 18/06/2008 akaba atarigeze agaragaza ko Gakuba ari kuvuga ko ari kugura umutungo w'umuryango we kandi ari iby'umuryango wa Shiringi, na Gakuba uvuga ko yakoze amakosa agura umutungo w'umuryango wa Shiringi, avuga ko ari umutungo we, nyamara mu 2010 yarandikishije uwo mutungo ku cyemezo cy'ubukode burambye, avuga ko ari umutungo afatanije na Mukamfuruta mu gihe yaba yari azi neza ko ari umutungo w'umuryango wa Shiringi yandikishije nk'umutungo we kandi nta mpamvu agaragaza yaba yarabimuteye hashingiwe ku ngingo ya 108 y'itegeko N°15/2004 ryavuzwe haruguru, ahubwo ibyo Gakuba avuga ubu ko yakoze amakosa yita umutungo w'umuryango wa Shiringi umutungo we yaba abiterwa n'uko atameranye neza n'umugore we Mukamfuruta ugaragaza ko banaburanye mu bunzi anagaraza imanza baburanye, Gakuba akaba atabihakana, ahubwo avuga ngo yasabye imbabazi umugore n'abana n'azo umugore atazemera dore ko avuga ko n'ubu ataba mu rugo.

[15] Urukiko rusanga byongeye kandi, na Mujawamariya Janviere wahawe gukodesha imiryango ibiri yo mu mutungo we na bagenzi be bavuga ko ari umutungo w'umuryango wa Shiringi, atagaragaza icyo yakoresheje amafaranga yakodesheje muri iyo miryango guhera mu 2008 mu gihe yari yasabwe kujya ayagaragaza, akayashyira kuri konti ahuriye ho na GAKUBA, akaba atagaragaza ko yabikoze, yewe n'umuryango wamuhaye ubwo

butumwa utarigeze uterana ngo ubimubazeho, nawe ntagaragaze icyo yaba yarakoresheje ayo mafaranga y'ubukode hashingiwe ku ngingo ya 108 y'itegeko N°15/2004 ryavuzwe haruguru.

[16] Urukiko rusanga na none, abagize umuryango wa Shiringi bavuga ko mu 2008 bateranye bakagabana umutungo uri mu kibanza UPI: 1/03/10/03/1218 urimo amazu arindwi, uherereye mu mudugudu wa Rwinyana, akagari ka Rwimbogo, umurenge wa Nyarugunga, akarere ka Kicukiro, umujyi wa Kigali, nyamara mu nyandiko bagaragaza, harimo gusa inzu bavuga ko bahaye Gakuba, imiryango ibiri yahawe Mujawamariya Janviere ngo ajye ayikodesha, n'umuryango wahawe Pascal Nshimiyimana, ariko indi miryango isigaye igera kuri itatu batagaragaza uwayihawe, bityo iyo nyandiko yo mu 2008 atari inyandiko yagabanyije uwo mutungo abagize umuryango wa Shiringi koko hashingiwe ku ngingo ya 108 y'itegeko N°15/2004 ryavuzwe haruguru.

[17] Urukiko rusanga kandi na none, hashingiwe ku ngingo ya 108 y'itegeko N°15/2004 ryavuzwe haruguru, abagize umuryango wa Shiringi bagaragaza inyandiko bakoze mu 2016, bavuga ko umutungo wa Shiringi wibarujweho na Gakuba n'umugore we Mukamfuruta, nyamara barakoze iyo nyandiko na Gakuba arimo, kandi bose batarahise barega, iyo nyandiko ikaba atari yo yagaragaza ko Gakuba n'umugore we baba barafatanije kwiyandikishaho umutungo w'umuryango wa Shiringi, n'ibyo Gakuba avuga ko ari amakosa byaba ari uburyo bwo kwifatanya n'abavandimwe ngo bambure umugore uburenganzira afite ku mutungo bitirira umuryango wa Shiringi.

[18] Urukiko rusanga ahubwo ibyo Mukamfuruta avuga ko umutungo uri mu kibanza UPI: 1/03/10/03/1218 urimo amazu arindwi, uherereye mu mudugudu wa Rwinyana, akagari ka Rwimbogo, umurenge wa Nyarugunga, akarere ka Kicukiro, umujyi wa Kigali, ari uwe afatanije na Gakuba bifite ishingiro kuko na GAKUBA yemera ko ubu ari Mukamfuruta ufata amafaranga yose y'ubukode bw'amazu yubatse muri icyo kibanza, kandi baburana mu bunzi, haremejwe ko ahabwa uburenganzira bwo kwishyuza ubukode bw'imiryango ine muri irindwi igize inzu iri muri icyo kibanza hari abavandimwe babiri ba Gakuba: Mujawamariya Janviere na Mukasekuru Madelina kandi nabo batabihakana uretse ko bavuga ko batasinye ku mwanzuro w'abunzi ariko batagaragaza icyatumye badasobanurira abunzi ko uwo mutungo atari uwa Gakuba n'umugore we, kandi no ku masezerano y'ubugure MUJAWAMARIYA Janviere yarahasinye nk'umugabo wa bwo akaba atarigeze agaragaza ko Gakuba aguze mu izina rye kandi ari kugurira umuryango wa Shiringi, akaba kandi yarasinye ku cyemezo cy'umutungo nabwo ntabigaragaze akaba ari nta mpamvu yatumye abikora agaragaza hashingiwe ku ngingo ya 108 y'itegeko N°15/2004 ryavuzwe haruguru.

[19] Urukiko rusanga rero, ibyo Gakuba avuga ko agura umutungo uri mu kibanza UPI: 1/03/10/03/1218 urimo amazu arindwi, uherereye mu mudugudu wa Rwinyana, akagari ka Rwimbogo, umurenge wa Nyarugunga, akarere ka Kicukiro, umujyi wa Kigali mu izina rye byari ukwibeshya nta shingiro bifite kubera ko nyuma yo kugura yashatse n'icyemezo cy'ubugure mu izina rye, no mu ibarura rusange ry'ubutaka awibaruza ho hamwe n'umugore we Mukamfuruta, akaba yaremeye ayo makosa mu nama y'umuryango yo ku wa 02/06/2016, kandi yaremeye ko umugore afata amafaranga y'ubukode bw'amazu ku wa 07/04/2014, akaba atagaragaza icyatumye agaragaza ko uwo mutungo yiyitira ari uw'umuryango wa SHIRINGI mbere ya 2016 hashingiwe ku ngingo ya 108 y'itegeko N°15/2004 ryavuzwe haruguru.

[20] Urukiko rusanga mu kwanzura, umutungo uri mu kibanza UPI: 1/03/10/03/1218 urimo amazu arindwi, uherereye mu mudugudu wa Rwinyana, akagari ka Rwimbogo, umurenge wa Nyarugunga, akarere ka Kicukiro, umujyi wa Kigali atari uw'umuryango wa SHIRINGI kubera ko urega n'abagobokeshejwe kimwe na GAKUBA Emmanuel batagaragaza ibimenyetso byemeza ko amafaranga yawuguze yakomotse nta gushidikanya ku mutungo wa Shiringi kuko kuba MUJAWAMARUYA na GAKUBA bafatanije konti bitavuga byanze bikunze ko ari konti ishyirwaho amafaranga y'umuryango wa Shiringi gusa dore ko n'abantu badafite icyo bapfana bashobora kugira konti bahuriyeho kubera ubwumvikane bafitanye kandi Gakuba uvuga ko yibeshye agura akavuga ko ari we uguze, yaba yaranibeshye ku cyemezo cy'ubugure no mu gihe cyo kubaruza umutungo mu 2010, ibyo avuga nta shingiro bifite kuko atagaragaza icyatumye yibeshya muri ibyo bihe bitandukanye ku kintu kimwe, kandi na MUJAWAMARIYA Jamviere ataribeshye mu gusinya ku masezerano y'ubugure no ku cyangombwa cy'ubugure, kandi atagaragaza icyatumye atagaragaza ko Gakuba ari kugura mu izina rye kandi ari kugurira umuryango wa Shiringi, byongeye kandi no mu gihe abunzi bahaga MUKAMFURUTA amafaranga y'ubukode bw'amazu yo muri uwo mutungo Mujawamariya Janviere na Mukasekuru Madelina bari bahari batarigeze bavuga ko uwo mutungo ukodeshwa atari uwa Gakuba n'umugore we hashingiwe ku ngingo ya 108 y'itegeko N°15/2004 ryavuzwe haruguru.

2. ***<u>Ku kibazo cy'indishyi n'amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'avoka</u>***.

[21] NTAKIRUTIMANA avuga ko yashowe mu manza biba ngombwa ko aregera urukiko atakaza igihe cyo kwikorera ajya kugisha inama abanyamategeko ibyo byose bituma akoresha amafaranga akaba asaba amafaranga y'ikurikiranarubanza 100.000 frw, agasaba igihembo cy'Umugenagaciro kingana na 150.000 frw, indishyi z'akababaro zingana na

500.000frw n'indishyi mbonezamusaruro zingana na 2.00.000frw yose hamwe akaba 2 .750. 000frw.

[22] Mu mwanzuro, MUKAMFURUTA yasabye Ntakirutimana Jacqueline amafaranga 100.000 Frw y'ikurikiranarubanza naho ku bisabwa na Ntakirutimana avuga ko nta shingiro byahabwa, mu iburanisha, umuhagarariye asaba igihembo cy'avoka kingana n'ibihumbi magana atanu (500.000frw).

[23] Urukiko rusanga hashingiwe ku ngingo ya 258 y'igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano, Ntakirutimana Jacqueline agomba guha Mukamfuruta amafaranga ibihumbi magana atanu (500.000frw) y'igihembo cy'avoka naho ikurikiranarubanza asaba atarihabwa kubera ko nta gikorwa agaragaza yakoze nk'uwarezwe.

III. **ICYEMEZO CY'URUKIKO**

[24] RWEMEYE kwakira ikirego cya NTAKIRUTIMANA Jacqueline, rugisuzumye rusanga nta shingiro gifite.

[25] RWEMEJE ko umutungo uri mu kibanza UPI: 1/03/10/03/1218 urimo amazu arindwi, uherereye mu mudugudu wa Rwinyana, akagari ka Rwimbogo, umurenge wa Nyarugunga, akarere ka Kicukiro, umujyi wa Kigali atari uw'umuryango wa SHIRINGI na MUKAMUHAMA.

[26] Rutegetse NTAKIRUTIMANA Jacqueline guha MUKAMFURUTA Stephanie amafaranga ibihumbi magana atanu (500.000frw) y'igihembo cy'avoka.

[27] Rutegetse ko amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50.000frw) NTAKIRUTIMANA Jacqueline yatanzeho ingwate y'amagarama arega ahwana n'ibyakozwe mu rubanza.

NI UKO RUCIWE KANDI RUSOMEWE MU RUHAME NONE KUWA 30/11/2017.

INTEKO

SE	SE
MUKAGASANA Marciana	DUSABEMARIYA Marie Thérèse
UMUCAMANZA	**UMWANDITSI**